# IJAMBO

Tél. : 7 25 95 B.P. 332 KIGALI

N°16 100 Fr



Dushyigikiye kutaniganwa
**Ijambo**
*Perezida HABYARIMANA*

## Ibyitso i Butare

## Burugumesitiri w'umugi kuri risiti ya I

## EX-MANEKO MUKURU: icyitso gikomeye

# Maneko mukuru yanyazwe biri mu gihe

**NGEZE HASSAN ngo gushyigikira HABYARIMANA ni ukumubwiza ukuri nyamara tuzi twese ko nta nkotanyi ivugisha ukuri.**

TUKIMARA GUSOMA KANGURA No 6 aho NGEZE yandagaje abagabo 6 twese tuzi tunasanzwe twemera avuga ko baba bigira nyoni nyinshi, muri KANGURA ye No 7 akavuga ngo gushyigikira HABYALIMANA ni ukumubwiza ukuri, byatumye twibaza byinshi kuri uriya mugabo NGEZE. Biratuma tunavuga kuri bamwe bamugenda inyuma, baramugize ingabo yabo.

### KANGUKA akana k'IMPURUZA.

Kuba NGEZE yaranditse cyane iby'inkotanyi, ntawe byari bikwiye gutangaza. Tuzi twese ko yabanje kwandika muri KANGUKA : Icyo kinyamakuru kandi bizwi ko cyari icy'inkotanyi kuko ari zo zagishyizeho zimaze kubona ko ikindi kinyamakuru cyazo cyitwa IMPURUZA cyinjira mu Rwanda nta kibazo. Kubera ko imigambi y'ibyo binyamakuru byombi yari iyo gusebya u Rwanda ari na ko bitegura ukuza kw'inkotanyi, twavuga ko KANGUKA yari akana k'IMPURUZA.

Iyo MPURUZA na nubu icyandikwa ni iya KIMENYI uba muri USA, inkotanyi izwi cyane. Muzi kandi ko KANGUKA itangira yari iya RWABUKWISI na NGEZE bandika ibyo babonye byose batabura no guhimba ku buryo byabaviriyemo gufungwa. NGEZE rero usigaye wifata nka «héros national» kurusha abasirikari batsinze urugamba, kuri twe abanyarwanda ni inkotanyi yatonganye n'izindi, ikazivamo, igatatira igihango imena amabanga yazo. Biriya rero akomeza kwandika yikoma abategetsi b'inyangamugayo ntaho bitaniye n'imigambi KANGUKA yari ifite ishaka kwanganisha abategetsi n'abaturage. Yewe ndetse tunarebye n'abantu bamwitwaza nk'ingabo, twasanga atari shyashya.

Muri abo bamushyigikiye bamwitwaza nk'ingabo, twavuga nka NDUWAYEZU uriya wasezerewe tugiterwa n'inkotanyi, ku buyobozi bw'ibiro by'iperereza kubera kutamushira amakenga. Nyamara se turinda gutungurwa, SEMUSAMBI ntiyari yaramutahuye ? Si ku busa rero kubona NGEZE Hassan ubeshya PEREZIDA ngo aramubwiza ukuri, adatinyuka kwandika ku bukotanyib[...] riya mugabo NDUWAYEZU. A[...] twe reka tubwize HABYARIMANA[...] kuzatuma ubucamanza bukurik[...] NGEZE na NDUWAYEZU.

### NGEZE afungirwa NDUWAYE[...]

KANGURA ijya gutangira [...] mbwe na NDUWAYEZU, ashaka i[...] makuru yazajya anyuzamo inyandi[...] asubiza SEMUSAMBI wari waravu[...] imigambi ye mibi akayitangaza y[...] kubimenyesha umukoresha wa ND[...] YEZU ari we PEREZIDA wa Repub[...] Kubera ko NDUWAYEZU byamub[...] ikibazo gusenya ibyo yashinjwa[...] SEMUSAMBI, yahisemo kujya yiy[...] mazina y'amahimbano asubiza SEM[...] MBI. Izo ngirwa nyandiko ze ya[...] shije muri KANGURA No 2 na KAN[...] RA No 3, hamwe yiyita MUGABO[...] ndi yiyita BARANYERETSE M[...] alias – Gisenyi.

Muribuka ko igishushanyo gih[...] je inyandiko ya BARANYERETSE [...] NDUWAYEZU yise «NANJYE ND[...] ZA KO SEMUSAMBI ARI UMU[...]

Komeza urup.

Bikurikira urup. 5

naga akajisho mu mashuri, nkajya mbona abana mu myanya yabo mu ntebe, ariko nkabura umurezi ku kibaho. Nawe se koko, abarimu babiri gusa bakwigisha bate amashuri yose y'ikigo gitanga impamyabushobozi y'amashuri yisumbuye ?

Ni koko rero wasangaga abo bana ari bake bake muri buri shuri, ku buryo uwo muyobozi koko yagira ikibazo cyo kwinjiza amafaranga. Ariko rero, impamvu ni izi : iya mbere ni uko nyine bamwe bari barambiwe gutumbira ikibaho cyirabura nta mwigisha, bakisohokera (nubwo ngo babihanirwa). Indi mpamvu ni uko abenshi mu banyeshuri batagarutse gufata amasomo yabo, kuko babonaga nta kigenda.

### Ubucuruzi mu burezi !

Ariya macuragahina yose aturuka he ? Nkuko nashoboye kubyibwira, mu bagombye kurebera rubanda harimo abageraho bakajenjeka rwose. Ntibitangaje kuba ugamije uburezi yakwitwikira Ishyirahamwe Ritagamije Inyungu (ASBL). Ni koko mu murimo w'uburezi ntawakurikiranamo inyungu. Ariko se nyiri ukugena mwene ayo mashyirahamwe, ayobewe ko hariho abitwaza amazina y'abatagira icyo babarebaho, bagashinga ingirwa shyirahamwe, kandi mu by'ukuri ari umuntu umwe ubwe bwite ku giti cye ushaka kugira ibyo yihengekera ?

Uriya mugabo rero yikinga Ishyirahamwe ritagamije inyungu akoroherezwa muri byinshi ntarondora, akabona imfashanyo nyinshi ziturutka muri Rhénanie Palatinat (MAYENCE) ariko ntizigire aho zihurira n'umurimo zitirirwa. Abanyeshuri barandiriye bati rwose, umurezi wacu usanga adashaka ko ishuri ryakwemerwa na Leta, nkutinya ko yanaga akajisho mu micungire yaryo. Bati ibyo bituma n'igipapuro kihaboneka nyuma y'amashuri aba ari nk'igikwangari, usibye ko mu[...] nyakuri nta n'ikiba kiri mu mutwe [...] nyiracyo !

Mu kumirwa rero koko, nasan[...] riya shuri ridacungwa na Minisiteri y[...] mashuri Mato n'Ayisumbuye, ahub[...] ryaragobetswe muri MINIFOP. Nyum[...] Sinzi rero ikintu gihuma amaso abat[...] tsi, kuko abo bana babashobeye bariga[...] gambije bageza n'ikibazo kwa Super[...] (nyamara ukiri umusore) ariko ngo u[...] nya ntacyo byatanze.

Ku bikoresho by'ishuri ritanga[...] mwuga byo rero, AJEPO irabifite ! [...] hari ni ukwibaza niba ibyo bikoresho [...] icyo bimara. Ubwo bajyaga kunyere[...] aho abana barebera mu nda y'imodo[...] natewe agahinda no kubona isima y'a[...] yera nk'iyo muri Saro y'umusirimu. [...] uwakabeshya we !

HABINEZA A. SIBO.

# Iby'impunzi byirawemo n'amategeko

Mbere yo kurambura iyi nkuru, ndagira ngo twisunge Itegeko-nshinga rya Repubulika y'u Rwanda mu gika cya nyuma cy'ingingo yaryo ya 12 aho rigira riti : Umuntu wese arebwa nk'umwere ku byaha aregwa, igihe cyose atari yacibwa igihano ku buryo budasubirwaho.

### Iby'abiswe inkotanyi byatejwe mu ibanga.

Mu mpera z'Ugushyingo 1990 muri uyu mugi hateye icyo nakwita isuri yasambiraga ibiti n'amabuye. Abacuruzi barakangaranye ubwo Patoro wa Nyarugenge aherekejwe na Konseye wa Nyarugenge n'abandi barimo Umugenzuzi w'Ubucuruzi mu karere ka Kigali ndetse n'abashinzwe umutekano batezaga cyamunara ibicuruzwa by'abahunze, bishakirwa abaguzi mu ibanga bigurishwa bitabaruye ndetse bidashyizwe ku gaciro kabyo. Impamvu navuze ko byatejwe mu ibanga, nta gihe tutumva ibyo kwa MAJYAMBERE Silas kuri Radiyo bitangazwa ngo bizatezwa, ni uko abanyamanote bakayirara ku rubaba bakajya gupiganwa bahaha, urushije abandi inoti nyinshi akegukana ibicuruzwa.

### Ngo bafatanije n'umwanzi.

Ikinyamakuru KANGURA No 7 twasanzemo ikirego Perefe w'Umugi yashyikirije Parike ya Repubulika, gishinja aba bakurikira : KAMANZI Shadaraki, NDAHIRO Yohani Bosiko, MUSONI Tito, RUMONGI Ronjini, RWAKANA Herimojene, NTAKIRUTINKA Jean, BAYIGAMBA Vigitori, KAYIHURA Karaveri, KABERUKA Aloyizi, RUHAMYAMBUGA Pahuro, UWOBAHORANA Dewo, KIRENGA Eduwaridi na KAYIGAMBA Aregisi; bariya bose babaka bashinjwa bemezwa na Perefe ko ari Inkotanyi zari zigamije kugirira nabi u Rwanda; kimwe n'abandi tudashoboye kwandika hano.

### Ibyaha by'ishingiro.

Mu ibarwa y'ikirego ndetse no mu cyemezo No 273/H. J/90 gitanga u[...] nganzira bwo gufatira no kugurish[...] curuzwa cyo kuwa gatanu Ukubon[...] cyatanzwe na Perezida w'Urukiko [...] Mbere rw'Iremezo rwa Kigali abisab[...] Perefe w'Umugi mu ibarwa ye No 30[...] 4.07 yo kuwa gatanu tariki ya 12[...] 1990 ivuga ko hari ibicuruzwa by[...] riya bantu bibitse mu masitoki by[...] cyane, ndetse abo babisizemo ba[...] abagore babo cyangwa abakozi babo[...] bakaba barabigurishaga amafaranga [...] yemo bakayabohererereza aho bibe[...] mu buhungiro.

Icyaha cy'ishingiro kiregwa ba[...] bahunze gikubiye mu ngingo ya 25[...] gitabo cy'amategeko ahana aho igir[...] «Bazahanishwa igifungo kuva ku [...] abiri kugeza ku myaka ibiri n'iha[...] y'amafaranga atarenga ibihumbi ma[...] atanu, cyangwa kimwe gusa muri bi[...] bihano, abazaba bazamuye cyangw[...] manuye ku mayeri ayo ayariyo y[...] igiciro cy'imyaka cyangwa ibicur[...] cyangwa cy'impapuro za Leta cya[...]

*Komeza urup[...]*

# MUVUNYI wo mu Mberakuri aracyatwangisha umuganda

Umuvunyi w'Umuganda uzirana n'umujyanama w'umugiraneza kandi w'i CYUBAHIRO, ararasanira ahaba iya mbere kuko BARIYANGA ari umwana w'Umunyarwanda.

### 1. Umuganda ukiza, waryohaga kurusha ubunani.

Ikinyamakuru KORA No 88 cyo muri Nyakanga 1990 cyasohoye inyandiko kise «ABATEGETSI BAMWE BARATWANGISHA UMUGANDA». Iyo nyandiko yanditswe n'umwanditsi MUTSINZI Edouard, ariwe «njewe». N'ubwo uriya mutwe w'inyandiko ari akanama k'ubwanditsi ka KORA kawushyizeho, ubwo kasanze ari byo bifite injyana kawusimbuza umutwe nari nise «UMUGANDA UKIZA WARYOHAGA KURUSHA UBUNANI», ndetse n'ingingo z'ingenzi zari zigize iyo nyandiko barazirobye bahitisha inyandiko z'igipampara; ndakeka ko ari nayo mpamvu Minisitiri MUJYANAMA w'Ubutabera yabonye aho anturuka anteza Porokireri Mukuru ngo ntange ibisobanuro kuri iriya nyandiko, ndetse ntiyanyurwa anshumuriza Diregiteri Mukuru HABIYAMBERE Antoni ngo ankorere dosiye.

### 2. Washakaga kugera kuki ?

Ubwo nari imbere ya Diregiteri Jeneral HABIYAMBERE wari wategetswe na Minisitiri MUJYANAMA kunkorera dosiye n'ibazwa, hari kuya 22/08/1990. Natangajwe nuko ibibazo nahaswe biri ku mpapuro zirenga eshatu ikibazo cyakomeje kugaruka ari kiriya Diregiteri Mukuru yambazaga ngo : «WASHAKAGA KUGERA KUKI ?» Namushubije ko iyo inyandiko yaje mu mutwe w'umwanditsi, ntabwo yatinya no kwandika se umubyara.

Aho kugira ngo bihutire gusubiza kuri ya nyandiko nanditse nenga ku mikoreshereze y'Umuganda (droit d[...] ponse : kutaniganwa ijambo), bahi[...] kunyihererena iyo muri Minisiteri[...] sinzi aho dosiye igeze idogagira. Nda[...] ko bayishyinguye burundu. Ubwo [...] kabaye hashize amezi ane, banyu[...] subizo muri KORA No 92 – 93, [...] umuntu utarivuze izina wo muri [...] imberakuri yabazaga ati : «AHO MU[...] NZI Eduwaridi NTIYABA YARA[...] SHYEYE MINISITERI Y'UBUTA[...] RA »?

### 3. Minisiteri y'Ubutabera yasub[...] imbeshyera.

Muri iyo nyandiko isubiza, ya[...] tswe na MUVUNYI Yozefu n'aba[...] be bafatanije guhishahisha no guko[...] ku bwoba, cyane cyane abo mu iba[...] ry'ikiyovu k'ikizungu, barambeshy[...] aho bavuga ngo : «NABA NGAM[...] GUTERA UMWUKA MUBI MURI B[...]

*Komeza urup[...]*

Bikurikira urup. 8

za Rubanda zivunjwa amafaranga, babikoresha inzira cyangwa uburyo bwose bw'ubwambuzi, cyangwa hagize igikorwa mu micururize bitewe na buri muntu wese cyangwa n'abantu bateranye kugira ngo bene uburiganya babone inyungu zidaturutse ku bucuruzi bwaciririkanye busanzwe hagati y'abagura bombi».

## Perezida w'urukiko n'ingingo ya 108.

Ashingiye ku ngingo ya 108 y'igitabo cy'amategeko agenga imiburanishirize y'imanza z'amahugu n'ubucuruzi aho igira iti :



*Perefe w'Umurwa mukuru yibutiye ibyo kugurisha umutungo!*

Igihe Urukiko rwaregewe, mbere y'umunsi wo gutangira urubanza, perezida warwo ashobora, abisabwe n'umwe mu baburanyi cyangwa abyibukije, kugereranya cyangwa gutuma umugereranyiriza ibyoonekaye, kwandikisha inyandiko-mvugo y'uko ibiburanwa bimeze, gukora cyangwa gukoresha ibintu byihutirwa, gutanga amategeko yose ngombwa ashingana ibiburanwa; yatanze uburenganzira bwo gufatira no kugurisha ibicuruzwa bya bariya bahunze kimwe n'abandi intambara yahaye bari hanze y'igihugu cyacu. Ibyo bikubiye mu cyemezo No 273/H.J/90. Ubwo twari kumwe na Perezida, yatubwiye ko ibyo yakoze ntaho binyuranije n'amategeko kuko itegeko ribimuhera uburenganzira. Gusa tugatangazwa nuko atari Minisiteri y'Ubucuruzi no Kurengera Abaguzi yabisabye kuko ariyo ishinzwe umurimo ujyana n'ubucuruzi. Twamubajije niba ari MINICOM yaba yaramusabye gutanga icyo cyemezo cyo gufatira no kugurisha atubwira ko yabisabwe na Perefe w'Umugi mu ibarwa ye No 309/0.4.07 yo kuwa gatanu tariki ya 12 Ukwakira 1990.

## Imiryango yabo izamera ite ?

Uretse ko nabo ubwabo batazi uko ejo bazamera, jye nibajije ku bantu bari barasigaye bacuruza mu mangazini, dore ko babonye baje bababwiye ngo basohoke bagakubitaho ingufuri bizaniye, noneho ba nyiri ibintu bagakeka ko Leta igiye gufata icyemezo mu gihe gito cyo guhamagaza abo bahunze bagatahuka. Perezida w'Urukiko Bwana HATEGEKIMANA Yohani namubajije icyo yaba atekereza ku mibereho y'imiryango ya ba nyakwiyambukira, tuvuge nk'abari batunzwe n'uwo murimo w'ubucuruzi, bakabona ingufuri bayimamyeho; ndetse ngo hari naho bacuzaga n'amafaranga bamaze iminsi bacuruza, mbese muri make ikiremwamuntu n'uburenganzira bwacyo ntibyubahirijwe. Ku kibazo cyatunga imiryango yasigaye, Perezida yambwiye ko uwamugeraho wese muri bariya basohowe mu bicuruzwa byabo, ngo amubwiye akababaro ke yamuha urupapuro rumuhesha amafaranga kuri Perefegitura kuko ngo niho yose yabitswe. Yaranatubwiye ngo ntibazagire ubwoba ko ibicuruzwa byabo byateshejwe agaciro kabyo, ngo bagiye babiteza ku giciro bihagazeho muri Minisiteri y'Ubucuruzi no Kurengera Abaguzi.

## Abahunze si inkotanyi.

Twirengagije icyaha bahamijwe cy'uko ari inkotanyi, wakwibaza niba Leta izatinyuka kubaka imisoro, mu gihe bazaba babaye abere cyangwa bahamwa n'icyaha. Abagurijwe n'amabanki, ubu Banki zirabara, abari bagurijwe mu buryo ubwo ari bwo bwose bazishyuzwa kandi batagicuruza, bakaba bagerekwaho umugogoro w'ibirego ngo abo basize babacururiza baboherereza amanote iyo bari hanze iyo, usibye ko ibimenyetso by'aho ayo mafaranga yanyuraga ngo abagereho ubanza bitaboneka; ubundi ikosa riri hehe umuntu yohereje uwe amafaranga wahejejwe n'intambara hanze ?! Ubundi amategeko-mpuzamahanga yemera impunzi. Umuntu ashobora guhunga ku cyaha yakoze, ariko iyo atari yaregwa, atari yakatirwa, aba ari umwere. Kwitwa inkotanyi rero nkuko twagiye tubisanga muri ariya mabarwa y'ibyemezo by'Urukiko n'ibirego bya Perefe w'Umugi bigomba kuba aribyo bizajya bitiza umwanzi umurindi. Ikindi kandi mbisubiremo, kwitwa Inkotanyi si icyaha nkuko bamwe bagiye babyitwaza babyita abandi ngo bababaharabike babangishe ubutegetsi. Ijambo Inkotanyi usibye ko ari igisingizo ziriya nyenzi z'abanzi zihaye, ubundi inkotanyi bisobanura umuntu w'intwari uhirimbana ngo arangize inshingano yahawe cyangwa yiyemeje. Bariya banzi, ziriya nyenzi za Kigeli zafashe ririya zina ry'icyamamare RWABUGIRI kuko umutwe w'abasirikare be witwaga Inkotanyi ! Mu bahunze harimo ibice bibiri : Abahunze bikeka, hakabamo n'abari hanze y'igihugu mbere yuko giterwa.

## Uko abanyamategeko babibona.

Kuri kiriya cyemezo cyo gufatira no kugurisha iby'abahunze, twagiye twegera abanyamategeko tukababaza uko babona kiriya gikorwa cyo kugurisha iby'abahunze no kubahamya icyaha kandi batararegwa. Dore uko babivuga : «Niba ari ikibazo cy'uko bari barahunitse ibicuruzwa byinshi mu masitoki, ubundi bemerewe guhunika toni zingahe muri za Sitoki zabo ?! Bati nta tegeko ribagenera igipimo batagomba kurenza.» Barakomeje bati : «Niba se ari uko bakekwaho ubugambanyi, ntabwo bigomba kuvangwa n'ubucuruzi n'imitungo yabo mu gihe batari baregwa ngo bakorerwe dosiye, binakubitiyeho ko atari imyenda ya Leta (Amadeni) babishyuza» !

## Gufatira no kugurisha.

Naho ku byerekeye igikorwa Perefe RENZAHO yakoze, cyo gutungira agatoki ubutegetsi (ndavuga kuregera bariya bagabo Parike), ni igikorwa cyiza yakoze nkuko umuturarwanda wese yagikora, ariko akirinda guhamya umuntu icyaha cy'umwanzi. Gusa yagombye kwandikira ubugenzacyaha ubwo ari bwo bwose cyangwa izindi nzego z'ubutegetsi akabutungira agatoki umwanzi. Iyo utungiye agatoki Parike, Maneko se, batangira gukora iperereza ryabo ndetse bakagenzura niba ari ngombwa gufatira imitungo yabo bakabikora. Ikintu gifatirwa kikagurishwa keretse byibuze ikintu cyaba cyarafashije abo bantu gukora icyaha. Ubwo rero nta bisobanuro wabonera umuntu wakubaza ati : «Mbese byakozwe MINICOM hari icyo ibiziho ? Akongera ati : Mbese byakozwe Parike hari icyo ibiziho ? Wabura

Komeza urup. 10